**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW'IKIRENGA**
**BP 2197 KIGALI**

**ITANGAZO N°020…/CSM/2016 RIGENEWE ABIFUZA GUPIGANIRA UMWANYA W'UMUCAMANZA W'URUKIKO RW'UBUCURUZI**

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza aramenyesha ko hari umwanya w'umucamanza w'Urukiko rw'Ubucuruzi upiganirwa.

Abifuza gupiganira uwo mwanya, bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda;
2. Kuba afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;
3. Kuba afite nibura impamyabumenyi ihanitse mu byerekeye amategeko;
4. Kuba ari inyangamugayo;
5. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
6. Kuba atarahamwe n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenoside;
7. Kuba atarangwa n'amacakubiri ayo ariyo yose;
8. Kuba atabogama;
9. Kuba atavugirwamo;
10. Kuba adafite ubumuga bwo mu mutwe bwatuma adashobora gukora imirimo y'ubucamanza, byemejwe na muganga wemewe na Leta;
11. Kuba atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki;
12. Kuba atarigeze guhanishwa igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) cyabaye ndakuka;
13. Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo yakoze cyangwa ngo asezererwe nta mpaka, atarakoresheje uburiganya mu kazi, atarataye umurimo, cyangwa ataranze kuwugarukaho mu gihe yari yarasezerewe by'igihe gito cyangwa se atarawugarutseho igihe yari abisabwe;
14. Kuba yarakoze mu gihe cy'imyaka ine (4) nibura imirimo irebana n'iby'amategeko uretse abafite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza cyangwa iy'ikirenga, basabwa nibura uburambe bw'imyaka ibiri (2) mu by'amategeko.

**Ibindi bisabwa:**

1. Kuba azi gukoresha "*computer*";
2. Kuba afite impamyabumenyi irenze isabwa n'icyemezo cy'uko yatsinze inyigisho mu Ishuri ry'ubucamanza ryemewe na Leta, byaba ari akarusho.

Uwifuza ako kazi yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza; dosiye isaba akazi ikazanwa ku Cyicaro cy'Urukiko rw'Ikirenga ku KIMIHURURA, mu Bunyamabanga Rusange irimo inyandiko zikurikira:

1. Ibaruwa isaba akazi;
2. Umwirondoro w'usaba akazi ;
3. Fotokopi y'impamyabumenyi.

Kwakira amadosiye bizakorwa kugeza ku itariki **18/03/2016.**

Bikorewe i Kigali, kuwa …03 MAR 2016……

**Sam RUGEGE**
**Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na**
**Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza**

URUKIKO RW'IKIRENGA - SUPREME COURT

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW'IKIRENGA**
**B.P 2197 KIGALI**

**ITANGAZO N° 019/CSM/2016 RIGENEWE ABIFUZA GUPIGANIRA UMWANYA W'UMWANDITSI W'URUKIKO RW'UBUCURUZI**

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza aramenyesha ko hari umwanya w'umwanditsi w'Urukiko rw'Ubucuruzi upiganirwa.

Abifuza gupiganira uwo mwanya, bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda;
2. Kuba afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;
3. Kuba afite impamyabumenyi ihanitse mu by'amategeko;
4. Kuba ari inyangamugayo;
5. Kuba adafite ubumuga bwo mu mutwe cyangwa ku mubiri bwatuma adashobora gukora imirimo y'ubwanditsi bw'inkiko; byemejwe na muganga wemewe na Leta;
6. Kuba atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki;
7. Kuba atarigeze guhanishwa igihano cyabaye ndakuka cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) kitahanaguwe n'imbabazi z'itegeko cyangwa ihanagurabusembwa;
8. Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo yakoze cyangwa ngo asezererwe nta mpaka bitewe n'uko yakoresheje uburiganya, yataye umurimo cyangwa se yanze kuwugarukaho yari yarasezerewe by'igihe gito;
9. Kuba yarakoze mu gihe cy'imyaka ibiri (2) nibura mu mirimo irebana n'iby'amategeko, uretse abafite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu (3) cya kaminuza cyangwa iy'ikirenga mu by'amategeko.

**Ibindi bisabwa** : Kuba azi gukoresha "*computer*".

Abifuza ako kazi bandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza; dosiye isaba akazi ikazanwa ku Cyicaro cy'Urukiko rw'Ikirenga ku KIMIHURURA, mu Bunyamabanga Rusange irimo inyandiko zikurikira:

1. Ibaruwa isaba akazi;
2. Umwirondoro w'usaba akazi ;
3. Fotokopi y'impamyabumenyi.

Kwakira dosiye bizakorwa kugeza ku itariki **18/03/2016.**

Bikorewe i Kigali, kuwa 03 MAR 2016

**Sam RUGEGE**
**Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na**
**Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza**

URUKIKO RW'IKIRENGA - SUPREME COURT

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW'IKIRENGA**
**BP 2197 KIGALI**

**ITANGAZO N°018/CSM/2016 RIGENEWE ABIFUZA GUPIGANIRA IMYANYA Y'ABANDITSI B'INKIKO ZISUMBUYE**

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza aramenyesha ko hari imyanya irindwi (7) y'abanditsi b'Inkiko Zisumbuye ipiganirwa.

Abifuza gupiganira iyo myanya, bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda;
2. Kuba afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;
3. Kuba afite impamyabumenyi ihanitse mu by'amategeko;
4. Kuba ari inyangamugayo;
5. Kuba adafite ubumuga bwo mu mutwe cyangwa ku mubiri bwatuma adashobora gukora imirimo y'ubwanditsi bw'inkiko; byemejwe na muganga wemewe na Leta;
6. Kuba atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki;
7. Kuba atarigeze guhanishwa igihano cyabaye ndakuka cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) kitahanaguwe n'imbabazi z'itegeko cyangwa ihanagurabusembwa;
8. Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo yakoze cyangwa ngo asezererwe nta mpaka bitewe n'uko yakoresheje uburiganya, yataye umurimo cyangwa se yanze kuwugarukaho yari yarasezerewe by'igihe gito;
9. Kuba yarakoze mu gihe cy'imyaka ibiri (2) nibura mu mirimo irebana n'iby'amategeko, uretse abafite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu (3) cya kaminuza cyangwa iy'ikirenga mu by'amategeko.

**Ibindi bisabwa** : Kuba azi gukoresha "*computer*".

Abifuza ako kazi bandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza; dosiye isaba akazi ikazanwa ku Cyicaro cy'Urukiko rw'Ikirenga ku KIMIHURURA, mu Bunyamabanga Rusange irimo inyandiko zikurikira:

1. Ibaruwa isaba akazi;
2. Umwirondoro w'usaba akazi ;
3. Fotokopi y'impamyabumenyi.

Kwakira dosiye bizakorwa kugeza ku itariki **18/03/2016.**

Bikorewe i Kigali, kuwa 03 MAR 2016

**Sam RUGEGE**
**Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na**
**Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza**

URUKIKO RW'IKIRENGA - SUPREME COURT